7° atujuje inshingano ze byemejwe n'Inama y'Abakomiseri;	7° failure to fulfill his/her responsibilities as approved by the Council of Commissioners;	7° non-accomplissement de ses fonctions confirmé par le Conseil des Commissaires;
8° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashirwa mu Nama y'Abakomiseri	8° when it is evident that he/she no longer fulfills the requirements considered at the time he/she was appointed as member of the Council of Commissioners;	8° constat qu'il ne remplit plus les conditions à la base desquelles il avait été nommé au Conseil des Commissaires;
9° ahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;	9° he/she is convicted of the crime of genocide ideology;	9° être reconnu coupable du crime d'idéologie du génocide;
10° yemeye kandi akirega icyaha cya jenocide;	10° he/she pleads guilty and confesses to the crime of genocide;	10° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide.
11° apfuye.	11° death.	11° décès.

Ingingo ya 16: Isimburwa ry'umwe mu bagize Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri ni yo igaragariza mu nyandiko Minisitiri ureberera RLRC ko umwe mu bayigize atakiri mu mwanya we. Minisitiri abimenyeshya urwego rubishinzwe, uwo Mukomiseri agasimburwa mu gihe kitarenze iminsi mironko cyenda (90). Ushyizweho arangiza igihe cya manda uwo asimbuye yari asigaje.

Article 16: Replacement of a member of the Council of Commissioners

The Council of Commissioners shall, in a written notice, indicate to the Minister supervising RLRC that one of its members no longer occupies his/her post. The Minister shall inform the competent authority, and the Commissioner shall be replaced in a period not exceeding ninety (90) days. The appointee shall serve the remaining period of his/her predecessor.

Article 16: Remplacement d'un membre du Conseil des Commissaires

Le Conseil des Commissaires constate dans une note adressée au Ministre de tutelle du RLRC qu'un de ses membres a cessé ses fonctions. Le Ministre communique cette information à l'organe compétent, et le Commissaire est remplacé dans un délai ne dépassant pas quatre-vingt-dix (90) jours. Le nouveau Commissaire achève le mandat de celui qu'il remplace.

<u>Icyiciro cya 2:</u> Biro ya RLRC n'inshingano zayo	<u>Section 2:</u> Bureau of RLRC and its responsibilities	<u>Section 2:</u> Bureau du RLRC et ses attributions
<u>Ingingo ya 17 :</u> Abagize Biro ya RLRC	<u>Article 17:</u> Composition of the Bureau of RLRC	<u>Article 17:</u> Composition du Bureau du RLRC
Biro ya RLRC igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga.	The Bureau of RLRC shall be composed of the Chairperson, the Vice Chairperson and the Secretary.	Le Bureau du RLRC comprend le Président, le Vice-Président et le Secrétaire.
<u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano za Biro ya RLRC	<u>Article 18:</u> Responsibilities of the Bureau of RLRC	<u>Article 18:</u> Attributions du Bureau du RLRC
Inshingano za Biro ya RLRC ni izi zikurikira:	The Bureau of RLRC shall have the following responsibilities:	Les attributions du Bureau du RLRC sont les suivantes:
1° kuyobora imirimo ya RLRC;	1° to lead activities of RLRC;	1° diriger les travaux du RLRC;
2° gutegura inama z'Inama y'Abakomiseri;	2° to prepare meetings of the Council of Commissioners;	2° préparer les réunions du Conseil des Commissaires;
3° kubahiriza no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri;	3° to comply and ensure the implementation of the resolutions of the Council of Commissioners;	3° veiller au respect et à la mise en application des résolutions du Conseil des Commissaires;
4° gukurikirana imikoranire ya RLRC n'izindi nzego.	4° to monitor relations between RLRC other institutions.	4° faire le suivi des relations du RLRC avec d'autres institutions.
<u>Ingingo ya 19:</u> Inshingano za Perezida wa Komisiyo	<u>Article 19:</u> Responsibilities of the Chairperson of RLRC	<u>Article 19:</u> Attributions du Président du RLRC
Perezida wa RLRC afite inshingano zikurikira:	The Chairperson of RLRC shall have the following responsibilities:	Le Président RLRC a les attributions suivantes:

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

- | | | |
|---|---|--|
| 1° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Abakomiseri n'iza Biro; | 1° to convene and chair meetings of the Council of the Commissioners and those of the Bureau; | 1° convoquer et présider les réunions du Conseil des Commissaires et celles du Bureau; |
| 2° kuyobora no guhuza ibikorwa bya RLRC; | 2° to supervise and coordinate activities of RLRC; | 2° superviser et coordonner les activités du RLRC; |
| 3° guhagararira RLRC mu Gihugu no mu mahanga; | 3° to represent the Commission within the country and abroad; | 3° représenter la Commission à l'intérieur et à l'extérieur du pays; |
| 4° kuba umuvugizi wa RLRC; | 4° to be the spokesperson of RLRC; | 4° servir de porte-parole à du RLRC; |
| 5° gushyikiriza raporo za RLRC inzego zibigenewe; | 5° to transmit reports of RLRC to the competent organs; | 5° transmettre les rapports du RLRC aux organes concernés; |
| 6° gushyira umukono ku nyandiko zose n'amabaruwa bya RLRC; | 6° to be a signatory to all documents and correspondences of RLRC; | 6° signer tous les actes et toutes les correspondances du RLRC; |
| 7° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano RLRC. | 7° to perform any other duties related to the mission of RLRC as may be assigned by the Council of Commissioners. | 7° exécuter toute autre tâche rentrant dans la mission du RLRC qui lui serait confiée par le Conseil des Commissaires. |

Ingingo ya 20: Inshingano za Visi Perezida wa RLRC

Visi Perezida afite inshingano zikurikira:

- 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;
- 2° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Abakomiseri ijyanye n'inshingano za RLRC.

Article 20: Responsibilities of the Vice Chairperson RLRC

The Vice Chairperson shall have the following responsibilities:

- 1° to assist the Chairperson and deputize for him/her in case of absence;
- 2° to perform any other duty related to the mission of RLRC as may be assigned by the Council of Commissioners.

Article 20: Attributions du Vice -Président du RLRC

Le Vice-Président a les attributions suivantes:

- 1° assister le Président dans ses fonctions et le remplacer en cas d'absence;
- 2° exécuter toute autre tâche rentrant dans la mission du RLRC qui lui serait confiée par le Conseil des Commissaires.

Ingingo ya 21: Inshingano z'Umunyamabanga wa RLRC

Umunyamabanga wa RLRC ashinzwe:

- 1° kuba Umwanditsi w'inama z'Inama y'Abakomiseri;
- 2° kubika inyandiko n'ibitabo bya RLRC;
- 3° gukora raporo z'ibikorwa bya Komisiyo;
- 4° gukurikirana buri muni by'umwihariko ibijyanye n'imirimo yo kunganira ibikorwa bya RLRC;
- 5° gushyira mu bikorwa indi nshingano yose yahabwa n'Inama y'Abakomiseri.

Article 21: Responsibilities of the Secretary of RLRC

The Secretary of RLRC shall:

- 1° act as the rapporteur of the meetings of the Council of Commissioners;
- 2° be the custodian of the RLRC documents and books of RLRC;
- 3° prepare activity reports of the Commission;
- 4° follow up daily matters related especially to support services to RLRC;
- 5° perform any other duty as may be assigned by the Council of Commissioners.

Article 21: Attributions du Secrétaire du RLRC

Le Secrétaire du RLRC est chargé de:

- 1° servir de rapporteur des réunions du Conseil des Commissaires;
- 2° tenir les archives et la documentation du RLRC;
- 3° élaborer les rapports d'activités du RLRC;
- 4° assurer le suivi quotidien des activités en rapport avec les services d'appui à RLRC;
- 5° s'acquitter de toute autre tâche qui lui serait confiée par le Conseil des Commissaires.

Icyiciro cya 3: Inama Ngishwanama n'inshingano zayo

Ingingo ya 22: Abagize Inama Ngishwanama n'inshingano zabo

Inama Ngishwanama igizwe n'abantu bava mu nzego zikurikira buri rwego ruhagarariwe n'umuntu umwe:

- 1° Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko;
- 2° Urukiko rw'Ikirenga;

Section 3: Advisory Council and its responsibilities

Article 22: Members of the Advisory Council and their responsibilities

The Advisory Council shall be comprised of one member from each of the following institutions:

- 1° Each Chamber of the Parliament;
- 2° the Supreme Court;

Section 3: Conseil Consultatif et ses attributions

Article 22: Membres du Conseil Consultatif et leurs attributions

Le Conseil Consultatif est composé de membres issus des institutions suivantes, dont chacune est représentée par une personne :

- 1° Chaque Chambre du Parlement;
- 2° la Cour Suprême;

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

3° Minisiteri;	3° the Ministry;	3° le Ministère;
4° Ubushinjacyaha Bukuru;	4° the National Public Prosecution Authority;	4° l'Organe National de Poursuite Judiciaire;
5° Polisi y'u Rwanda;	5° the Rwanda National Police;	5° la Police Nationale du Rwanda;
6° Urwego rw'Umuvunyi;	6° the Office of the Ombudsman;	6° l'Office de l'Ombudsman;
7° Komisiyo y'Igihugu y'Ubureganzira bwa Muntu;	7° the National Commission for Human Rights;	7° la Commission Nationale des Droits de la Personne;
8° Urugaga rw'Abavoka;	8° the Bar Association;	8° l'Ordre des Avocats;
9° Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta byigisha amategeko;	9° public universities and institutions of higher learning having a faculty of law;	9° les universités et instituts publics d'enseignement supérieur ayant une faculté de droit;
10° Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga byigisha amategeko;	10° private universities and institutions of higher learning having a faculty of law;	10° les universités et instituts privés d'enseignement supérieur ayant une faculté de droit;
11° Urugaga rw'Abikorera;	11° the Private Sector Federation;	11° la Fédération du Secteur Privé;
12° Imiryango itari iya Leta.	12° non-governmental organizations.	12° les organisations non gouvernementales.

Abagize Biro ya RLRC bari mu bagize Inama Ngishwanama. Members of the Bureau of RLRC shall be members of the Advisory Council. Les Membres du Bureau du RLRC sont membres du Conseil Consultatif.

Nibura mirongo itatu (30) ku ijana by'abagize Inama Ngishwanama bagomba kuba ari abagore. At least thirty percent (30%) of the members of the Advisory Council shall be females. Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil Consultatif sont de sexe féminin.

Inama Ngishwanama ishinzwe gutanga umurongo ngenderwaho wa RLRC no kuyigira inama. The Advisory Council shall be responsible for providing guidelines for RLRC and advising it. Le Conseil Consultatif est chargé de définir les lignes directrices du RLRC et de lui donner des conseils.

Ingingo va 23: Ishyirwaho ry'abagize Inama Ngishwanama na manda yabo **Article 23: Appointment of members of the Advisory Council and their term of office** **Article 23: Nomination des membres du Conseil Consultatif et leur mandat**

Abagize Inama Ngishwanama bashyirwaho n'Iteka rya Perezida. Members of the Advisory Council shall be appointed by a Presidential Order. Les membres du Conseil Consultatif sont nommés par arrêté présidentiel.

Kuba umwe mu bagize Inama Ngishwanama ntibihemberwa. Members of the Advisory Council shall not be entitled to any remuneration. La fonction de membre du Conseil Consultatif ne donne pas lieu à aucune rémunération.

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

Abagize Inama Ngishwanama bagira manda y'imyaka irindwi (7) ishobora kongerwa. Members of the Advisory Council shall be appointed for a renewable term of seven (7) years. Les membres du Conseil Consultatif sont nommés pour un mandat de sept (7) ans renouvelable.

Usimbuye umwe mu bagize Inama Ngishwanama arangiza igihe cya manda cy'uwo asimbuye yari asigaje. The replacing member of the Advisory Council shall complete the remaining term of office of the person he/she is replacing. Le remplaçant d'un membre du Conseil consultatif termine la durée restante du mandat de celui qu'il a remplacé.

UMUTWE WA V: IMIKORERE Y'INZEGO ZARLRC

CHAPTER V: FUNCTIONING OF THE ORGANS OF RLRC

CHAPITRE V: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DU RLRC

Iciviro cya mbere: Imikorere y'Inama y'Abakomiseri

Section One: Functioning of the Council of Commissioners

Section première: Fonctionnement du Conseil des Commissaires

Ingingo ya 24: Inama z'Inama y'Abakomiseri

Article 24: Meetings of the Council of the Commissioners

Article 24: Réunions du Conseil des Commissaires

Inama y'Inama y'Abakomiseri iterana igihe cyose bibaye ngombwa hari nibura bane (4) mu bayigize. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na batatu (3) mu bayigize.

The meeting of the Council of Commissioners shall meet whenever deemed necessary in presence of at least four (4) members. It shall be convened and presided over by the Chairperson or the Vice-Chairperson in the absence of the Chairperson at their own initiative or upon request in writing, by at least three (3) members.

La réunion du Conseil des Commissaires se tient chaque fois que de besoin en présence d'au moins quatre (4) de ses membres. Elle est convoquée et présidée par le Président ou le Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite d'au moins trois (3) de ses membres.

Inama y'Abakomiseri isuzuma ingingo ziri ku murungo w'ibiyigwa n'izindi zongerwaho, bisabwe na Perezida cyangwa na batatu (3) mu bayigize.

The Council of Commissioners shall examine items on the agenda and any other additional ones upon request by the Chairperson or by three (3) members.

Le Conseil des Commissaires examine les points inscrits à l'ordre du jour et les divers proposés par le Président ou par trois (3) de ses membres.

Inama y'Abakomiseri ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ufite ubuhanga bwihariye kugira ngo ayungure ibitekerezo.

The Council of Commissioners may invite to its meetings any person with special expertise to advise the Council.

Le Conseil des Commissaires peut inviter à ses réunions toute personne ayant une expertise particulière pour avis.

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

Uwatumiwe ntiyemerewe gutora, akurikirana gusa ingingo zerekeranye n'ibyo yasabwe gutangaho ibitekerezo.	The invitee is not allowed to vote. He/she shall only take part in discussions on the items which he /she was requested to advise on.	La personne invitée n'a pas de voix délibérative. Elle participe uniquement aux débats concernant les points sur lesquels elle est consultée.
Ibiri ku murongo w'ibyigwa n'izindi nyandiko zose zigomba kuganirwaho zohererezwa buri wese mu bagize Inama y'Abakomiseri hasigaye nibura iminsi ibiri (2) y'akazi ngo inama iterane, keretse iyo inama itumijwe ku buryo bwihutirwa.	The agenda and any other documents to be discussed shall be transmitted to each member of the Council of Commissioners at least two (2) working days before the meeting, unless the meeting is convened in urgent circumstances.	L'ordre du jour ainsi que tous les autres documents de travail sont envoyés à chaque membre du Conseil des Commissaires au moins deux (2) jours ouvrables avant la tenue de la réunion, sauf en cas de convocation urgente de la réunion.
Iyo Perezida na Visi Perezida badahari umukuru mu myaka atumiza inama y'Inama y'Abakomiseri ikitoramo uyiyobora.	In case of absence of the Chairperson and the Vice Chairperson, the elder Commissioner shall convene the meeting of the Council of Commissioners and Commissioners shall elect among themselves the chair.	En cas d'absence du Président et du Vice-Président, le doyen d'âge convoque la réunion du Conseil des Commissaires qui élit en son sein le Président de la séance.
Iyo umunyamabanga wa Komisiyo adahari asimburwa ku bwanditsi bw'inama n'Umukomiseri muto mu myaka.	In case of absence of the Commission Secretary of RLRC, the youngest Commissioner shall act as the rapporteur.	En cas d'absence du Secrétaire du RLRC, il est remplacé dans ses fonctions de rapporteur par le Commissaire le moins âgé
<u>Ingingo ya 25: Ifatwa ry'ibyemezo n'inyandikomvugo</u>	<u>Article 25: Decision making and minutes</u>	<u>Article 25 : Prise de décision et procès-verbal</u>
Buri wese mu bagize Inama y'Abakomiseri afite ijwi rimwe gusa. Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye, byaba bidashobotse, bigafatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.	Every member of the Council of Commissioners shall have only one vote. Decisions shall be taken on consensus and if not possible, they shall be taken through an absolute majority vote of the members present.	Chaque membre du Conseil des Commissaires dispose d'une seule voix. Les résolutions sont prises par consensus et dans le cas contraire, elles sont prises à la majorité absolue des membres présents à la réunion.
Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Abakomiseri yemezwa mu nama ikurikira igashyirwaho umukono n'uwariyoboye n'umwanditsi wayo.	Minutes of the meeting of the Council of Commissioners shall be adopted in the next meeting and signed by the one who chaired it and its rapporteur.	Le procès-verbal de la réunion du Conseil des Commissaires est approuvé lors de la séance suivante et signé conjointement par celui qui l'a dirigée et son rapporteur.

Ingingo ya 26: Isuzuma rya raporo

Mu bigomba kwigwa n'imwe mu nama z'Inama y'Abakomiseri mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari, harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye. Izo raporo zishyikirizwa Minisitiri zikimara kwemezwa.

Buri gihembwe kandi RLRC itegura raporo y'ibikorwa kopi yayo igashyikirizwa Minisitiri.

Iciviro cya 2: Imikorere ya Biro ya RLRC

Ingingo ya 27: Inama za Biro ya Komisiyo

Biro ya RLRC iterana igihe cyose bibaye ngombwa. Inama itumirwa kandi ikayoborwa na Perezida wa RLRC.

Iciviro cya 3: Imikorere y'Inama Ngishwanama

Ingingo ya 28: Inama z'Inama Ngishwanama

Inama Ngishwanama iterana kabiri (2) mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Minisitiri, Perezida wa RLRC akayibera umwanditsi.

Inama Ngishwanama ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ufite ubuhanga bwihariye

Article 26: Consideration of reports

Items to be examined by one of the meetings of the Council of Commissioners in the first quarter of the financial year shall include approval of the activity and financial reports of the previous year. The said reports shall be submitted to the Minister after their adoption.

Every quarter, RLRC shall also prepare its activity report and a copy shall be submitted to the Minister.

Section 2: Functioning of the Bureau of the RLRC

Article 27: Meetings of the Bureau of RLRC

The Bureau of RLRC shall meet whenever deemed necessary. The meeting shall be convened and chaired by the Chairperson of RLRC.

Section 3: Functioning of the Advisory Council

Article 28: Meetings of the Advisory Council

The Advisory Council shall meet twice (2) a year and whenever deemed necessary. Meeting shall be convened and chaired by the Minister. The Chairperson of RLRC shall act as its rapporteur.

The Advisory Council may invite to its meetings any person who has special expertise

Article 26: Examen des rapports

A l'ordre du jour de l'une des réunions du Conseil des Commissaires du premier trimestre de l'exercice budgétaire figurent l'approbation des rapports d'activités et financier pour l'exercice précédent. Ces rapports sont transmis au Ministre immédiatement après leur approbation.

Chaque trimestre, RLRC élabore également son rapport d'activités et une copie est transmise au Ministre.

Section 2: Fonctionnement du Bureau de RLRC

Article 27: Réunions du Bureau de RLRC

Le Bureau de RLRC se réunit chaque fois que de besoin. La réunion est convoquée et présidée par le Président de RLRC.

Section 3: Fonctionnement du Conseil Consultatif

Article 28: Réunions du Conseil Consultatif

Le Conseil Consultatif se réunit deux (2) fois par an et chaque fois que de besoin. Il est convoqué et présidé par le Ministre. Le Président de RLRC en est le rapporteur.

Le Conseil Consultatif peut inviter à ses réunions, pour avis technique, toute personne ayant une

kugira ngo ayungure ibitekerezo.

for technical advice.

expertise particulière.

Ingingo ya 29: Amategeko ngengamikorere

Article 29: Internal rules and regulations

Article 29: Règlement d'ordre intérieur

RLRC itegura umushinga w'amategeko ngengamikorere yayo ikawushyikiriza Inama y'Abakomiseri kugira ngo iwemeze. Ishobora kandi ikoresheje amabwiriza y'imiyoborere guteganya uburyo bw'imikemurire y'ibibazo byo mu kazi.

RLRC shall prepare the draft internal rules and regulations and submit it to the Council of Commissioners for approval. It may also, through administrative directives, institute mechanisms of managing its internal affairs.

RLRC élabore le projet de règlement d'ordre intérieur et le transmet au Conseil des Commissaires pour approbation. Elle peut par instructions administratives, prévoir des mécanismes de gestion des affaires internes.

UMUTWE WA VI: ABAKOZI N'UMUTUNGO BYA RLRC

CHAPTER VI: STAFF AND PROPERTY OF RLRC

CHAPITRE VI: PERSONNEL ET PATRIMOINE DU RLRC

Iciviro cya mbere: Abakozi ba RLRC

Section One: Staff of the RLRC

Section première: Personnel du RLRC

Ingingo ya 30: Iyemeza ry'inzeho z'imirimo

Article 30: Preparation of the organizational structure

Article 30: Préparation de l'organigramme

Inama y'Abakomiseri itegura urutonde rw'inzeho z'imirimo za Komisiyo zikemezwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe abisabwe na Minisitiri.

The Council of Commissioners shall prepare the organizational structure of RLRC to be approved by a Prime Minister's Order upon request by the Minister.

Le Conseil des Commissaires prépare l'Organigramme du RLRC qui est approuvé par Arrêté du Premier Ministre sur demande du Ministre.

Ingingo ya 31: Abakozi

Article 31: Staff

Article 31: Personnel

RLRC ifite abakozi bagizwe n'abo mu rwego rwa tekiniki n'abo mu rwego rw'ubuyobozi bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzeho z'imirimo ya Leta.

RLRC shall comprise both technical and administrative staff governed in accordance with the General Statute of Rwanda Public Service.

RLRC dispose d'un personnel technique et d'un personnel administratif qui sont régis par le Statut général de la Fonction Publique Rwandaise.

Abakozi ba RLRC bo mu rwego rwa tekiniki bagizwe n'abahanga mu mategeko.

The technical staff of RLRC shall be comprised of experts in law.

Le personnel technique du RLRC comprend les experts en droit.

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

Abakozi bo mu rwego rwo kunganira RLRC bashinzwe imigendekere y'akazi kayo ka buri muni.

The support staff of RLRC shall be in charge of its day to day running.

Le personnel d'appui RLRC est chargé de la gestion journalière de la Commission.

Iciviro cya 2: Umutungo wa RLRC

Section 2: Property of RLRC

Section 2: Patrimoine du RLRC

Ingingo ya 32: Umutungo n'inkomoko zawo

Article 32: Property and its sources

Article 32 : Patrimoine et ses sources

Umutungo wa RLRC ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. Ukomoka kuri ibi bikurikira:

The property of RLRC shall be comprised of both movable and immovable property. It shall come from the following:

Le patrimoine du RLRC comprend les biens meubles et immeubles. Il provient des sources suivantes:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

1° State budget allocations;

1° les dotations budgétaires de l'Etat;

2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;

2° grants from Government or stakeholders;

2° les subventions de l'Etat ou des partenaires;

3° ibituruka ku mirimo RLRC ikora;

3° incomes from services rendered by RLRC;

3° les revenus des services prestés par RLRC;

4° inyungu ku mutungo wayo;

4° income from its property;

4° les revenus de son patrimoine;

5° impano n'indagano;

5° donations and bequests;

5° les dons et legs;

6° ibyari umutungo wa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko yashyizweho n'Itegeko Ngenga n° 01/2010/OL ryo kuwa 09/6/2010.

6° property that belonged to the National Law Reform Commission established by the Organic Law n° 01/2010/OL of 09/6/2010.

6° patrimoine qui appartenait à la Commission Nationale de Réforme Législative établie par la Loi Organique n° 01/2010/OL du 09/6/2010.

Ingingo ya 33: Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo

Article 33: Management, use and audit of the property

Article 33: Gestion, utilisation et audit du patrimoine

Imicungire, imikoreshereze n'igenzura by'umutungo wa RLRC bikorwa hakurikijwe amategeko abigena.

The management, use and audit of the property of RLRC shall be conducted in accordance with relevant legal provisions.

La gestion, l'utilisation et l'audit du patrimoine du RLRC sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa Komisiyo buha raporo ya buri gihembwe Inama y'Abakomiseri. The internal audit service of the Commission shall submit a quarterly report to the Council of Commissioners. Le service d'audit interne de la Commission transmet un rapport trimestriel au Conseil des Commissaires.

Ingingo ya 34: Ingingo y'imari ya RLRC

Article 34: Budget of RLRC

Article 34: Budget du RLRC

Ingingo y'imari ya RLRC yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga. The budget of RLRC shall be approved and managed in accordance with the relevant legal provisions. Le budget du RLRC est approuvé et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 35: Ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 35: Actions taken before the commencement of this Law

Article 35: Actes accomplis avant l'entrée en vigueur de la présente loi

Ibikorwa byemewe n'amategeko byakozwe n'inyandiko z'amategeko zemejwe ku izina rya Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko hashingiye ku Itegeko Ngenga n° 01/2010/OL ryo kuwa 09/6/2010 bigumana agaciro kabyo. Actions legally taken and legal instruments enacted under the name of National Law Reform Commission established by the Organic Law n° 01/2010/OL of 09/6/2010 shall remain valid. Les actes légalement accomplis et les instruments juridiques adoptés sous le nom de la Commission Nationale de Réforme Législative établie par la Loi Organique n° 01/2010/OL du 09/6/2010 reste valables.

Ingingo ya 36: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 36: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 36: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. This law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda. La présente loi a été initiée en Anglais, elle a été examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 37: Repealing provision

Article 37: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko All prior legal provisions inconsistent with this Toutes les dispositions légales antérieures

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Law are hereby repealed.

contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 38: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa **Article 38:** Commencement

Article 38: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **16/06/2013**

Kigali, on **16/06/2013**

Kigali, le **16/06/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux